# 109: Pasaka yacu niy' itwibutsa Amaraso y'Umwana w'l mana

1.
Pasaka yacu niy' itwibutsa Amaraso y'Umwana w'l mana.
Ni yo yadukuye mw Egiputa, Aho Satani yicir' abantu.

Ref:
Nimuze twese tumuhimbaze Kuko yemeye kudupfir' atyo.
Yasa tuyemo na rwa rusika Yatumye natwe twinjir' ahera.

2.
I Getsemani Yes' arasenga Ati: Data, niba byashoboka Iki gikombe
sinkinywereho Ariko byose bib' uk' ushaka.

3.
Umwami Yesu n'Umucunguzi Yadupfiriye ku musaraba. Byavuye ku ki? Ku rukundo rwe rwatu
my' atanga ubugingo bwe.

4.
Uwagambaniye Yesu Kristo Kandi yar' uwo mu bigishwa be. Nya mara yikururiy'
ishyano Ryatumye yimanika ku giti.

5.
Nuko kw isaha ya gatandatu Hose habah' ubwirakabiri. Bwafash' amasah' atatu
yose, Bwagejeje mw isaha ya cyenda.

Visit us at indirimbo.com